REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Kicukiro, kuwa 05/07/2016**
**Réf. N° 004/07.0103/Njy/2016**

CITY OF KIGALI
07 JUL 2016
RECEIVED

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
<u>INAMA NJYANAMA</u>

**Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**
**<u>KIGALI</u>**

<u>Impamvu</u> : Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 23/04/2016

Madamu Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 23/04/2016 nk'uko yemejwemu nama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 25/06/2016.

Iyo nyandikomvugo murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.
Mugire amahoro.

05/07/016

**Eng. NKUBANA A. Dismas**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka KICUKIRO

**<u>Bimenyeshejwe</u>**
Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
**<u>KICUKIRO</u>**

AA/MAYOR
07/07/2016

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 23 MATA 2016**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kicukiro tariki ya 23 Mata 2016, iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Eng. Nkubana A. Dismas. Inama yatangiye saa tatu n'iminota mirongo itatu n'ine (9:34) za mugitondo, isoza imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'iminota mirongo ine n'umunani (18:48) z'umugoroba.

**Abajyanama bitabiriye inama**

| N° | AMAZINA | ICYO AKORA | EMAIL ADDRESS | TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | NKUBANA Dismas | Umuyobozi w'Inama Njyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama | twagirainn@yahoo.fr | 0788300595 |
| | UWIZEYE Odette | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | uwizeyeode@gmail.com, uwizeyeode@yahoo.fr | 0788304391 |
| 4 | Dr. NYIRAHABIMANA Jeanne | Umujyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788389949 |
| 5 | MUKUNDE ANGELIQUE | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788304557 |
| 6 | BAINGANA Emmanuel | Umujyanama | baingema@gmail.com | 0788464969 |
| 7 | MUREKATETE Alphonsine | Umujyanama | alphafuraha12@gmail.com | 0788819547 |
| 8 | UWIMANA VIRGINIE | Umujyanama | kavivi2015@gmail.com | 0788463654 |
| 9 | TUMUKUNDE MONICA LEONARD | Umujyanama | gatsleo@gmail.com | 0788875779 |
| 10 | SALAFINA Flavia | Umujyanama | fsalafina@gmail.com | 0788449500 |
| 11 | UWAMARIYA Annet | Umujyanama | annetuwamariya@gmail.com | 0788763800 |
| 12 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 13 | NIYITANGA Irené | Umujyanama | ninairene22@yahoo.com | 0784298045 |
| 14 | RUTIKANGA Alexandre | Umujyanama | rutikangaalexandre@gmail.com | 0788415085 |
| 15 | SHEMA Kenneth | Umujyanama | shemakenny@yahoo.com | 0786913473 |
| 16 | MUTAMBA Betty | Umujyanama | mutambab@yahoo.com | 0788491956 |
| 17 | NDONKEYE Valens | Umujyanama | ndovalencia@yahoo.fr | 0788423128 |
| 18 | MUKARUTESI Athanasie | Umujyanama | gathanasie@yahoo.com | 0788759414 |
| 19 | UWIMBABAZI Pelagie | Umujyanama | uwimbabazi.pelagie@yahoo.com | 0788521078 |

**Uwasibye inama afite impamvu**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | MAGAJU Aimable | Umujyanama | Aimag2001@yahoo.fr | 0788354720 |

**Ku murongo w'ibyigwa hemejwe ingingo zikurikira:**

1. Kugeza ku Nama Njyanama imyanzuro y'Inama Njyanama icyuye igihe ikwiye kwitabwaho
2. Kugeza ku Nama Njyanama ishusho y'Akarere ka Kicukiro
3. Kugeza ku Nama Njyanama imihigo y'Akarere 2015/2016 n'aho igeze ishyirwa mu bikorwa
4. Gushyiraho Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi
5. Ubutaka bwasabwe na Polisi y'Igihugu mu kagari ka Busanza
6. Gusuzuma igena gaciro ryakorewe Gare ya Nyanza (GATENGA)

7. Ibibazo by'Abaturage
8. Ibintu n'Ibindi:
A. Kureba ibigenerwa Abajyanama
B. Urugendo Komite Nyobozi irimo gukorera mu mirenge y'Akarere ka Kicukiro
C. Itorero rishojwe n'abakozi b'Akarere
D. Raporo y'Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere

**Ingingo ya mbere: Kugeza ku nama Njyanama imyanzuro y'Inama Njyanama icyuye igihe ikwiye kwitabwaho**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama imyanzuro y'Inama Njyanama icyuye igihe ikwiye kwitabwaho, ndetse n'imbogamizi iyo Nama Njyanama icyuye igihe yahuye nazo. Yatangarije Inama Njyanama ko Inama Njyanama icyuye igihe yakoze imirimo yayo kuva ku itariki ya 24 Gashyantare 2011 kugeza ku itariki ya 29 Mutarama 2016, Inama Njyanama zikaba zarateranye mu buryo bwubahirije amategeko. Inama Njyanama yateranye inshuro 40, harimo inama 20 zisanzwe na 20 zidasanzwe. Muri izo nama, Inama Njyanama yafashe imyanzuro 551, muri yo imyanzuro 540 niyo yashyizwe mu bikorwa ku kigereranyo cya 98%, naho imyanzuro 11 ntirashyirwa mu bikorwa kubera amikoro make ndetse n'abafatanyabikorwa rimwe na rimwe batubahirije amasezerano bagiranye n'Akarere, ibyo bigatuma imishinga imwe n'imwe idindira cyangwa ntikorwe.

Inama Njyanama yagejejweho imyanzuro ikwiye kwitabwaho ndetse n'imbogamizi Inama Njyanama icyuye igihe yahuye nazo ku buryo bukurikira:

**A. Imyanzuro ikwiye kwitabwaho**

1) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama yo kuwa 30 Ukuboza 2015 no kuwa 15 Mutarama 2016 n'indi myanzuro itarashyirwa mu bikorwa;
2) Gukurikirana ikibazo cy'abimuwe Gahanga ahazubakwa Stade ya Jeux Olympiques kubera impamvu z'inyungu rusange bakanga ingurane;
3) Gushyiraho itsinda ry'impuguke ry'Akarere ritekereza ku iterambere ry'Akarere n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo-nama ryaryo;
4) Kwiga ku buryo bwimbitse amabwiriza agenga amasoko acururizwamo mu Karere ka Kicukiro no kuyatangaza;
5) Gushyiraho impuguke ifasha Akarere gukora gahunda yo gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire;
6) Gukurikirana ikibazo cy'ibibanza byatanzwe maze ababihawe ntibakore icyo babisabiye (ingero ni nka Megaholding project, Central Africa School of Excellence Inc, n'ibindi);
7) Gukomeza gukurikirana aho iyubakwa rya Stade ya Jeux Olympiques izubakwa Gahanga bigeze;
8) Gushyiraho amabwiriza agenga imikorere y'amarimbi no gushaka ahazajya amarimbi kuko ayari ahari yuzuye;
9) Gukomeza gukangurira abaturage guhindura ibyangombwa aho Master Plan yahinduye imikoreshereze y'ubutaka bwabo.

## B. Imbogamizi Inama Njyanama icyuye igihe yahuye nazo

1) Amikoro make yatumye ibyifuzwaga byose bitaragerwaho;
2) Imisoreshereze yahindutse yatumye amafaranga atinjira uko byari bisanzwe (icyakora biragenda bikemuka kubera ingamba zigenda zifatwa n'inzego bireba);
3) Abafatanyabikorwa batubahirije amasezerano bigatuma imishinga idindira cyangwa ntitangire;
4) Abaturage bagiye bafatirwa icyemezo cyo kwimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange ingurane igatinda, ntibemererwe no kugira icyo bakora ku butaka bwabo kandi bagakomeza kubusorera;
5) Ikibazo cy'uko hari aho Master Plan itemerera abaturage gukora ibikorwa birambye kubera ko hateganyirijwe indi mikoreshereze, ugasanga batumva uburyo babuzwa gukora icyo bifuza ku butaka bwabo kandi bagasabwa kubusorera.

**Umwanzuro 001/04/15-16**
Imaze kuyunguranaho ibitekerezo, Inama Njyanama yakiriye imyanzuro y'Inama Njyanama icyuye igihe ikwiye kwitabwaho ndetse n'imbogamizi iyo Nama Njyanama yahuye nazo, inashima ibikorwa byagezweho.

## Ingingo ya kabiri: Ishusho y'Akarere ka Kicukiro

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama ishusho y'Akarere ka Kicukiro kugira ngo abajyanama barusheho kumenya imiterere ndetse n'ibikorerwa mu karere kabo. Imirongo minini y'iyo shusho yamurikiwe Inama Njyanama yari ku buryo bukurikira:

1. Imiterere y'Akarere ka Kicukiro n'imbibi z'Akarere;
2. Inzego z'Ubutegetsi, Ubuyobozi n'Abakozi;
3. Ishusho y'Akarere mu nkingi enye (4) za Guverinoma;
   a. Uko Akarere gahagaze mu nkingi y'Ubukungu;
   b. Ishusho y'Akarere mu nkingi y'Imibereho myiza;
   c. Ishusho y'Akarere mu nkingi y'Imiyoborere n'Ubutabera.
4. Umutekano w'Akarere.

Umuyobozi w'Akarere kandi yagaragarije Inama Njyanama ko Akarere kagifite ibibazo by'ingutu bikurikira:

a) Abo Akarere gafitiye imyenda yagiye ituruka ku manza zitandukanye hamwe n'izindi serivisi;
b) Umutungo bwite w'imisoro n'amahoro winjira ukiri hasi;
c) Amakimbirane mu butaka ahoraho;
d) Umubare munini w'abashomeri cyane cyane mu rubyiruko;
e) Abatishoboye benshi bakenera ko Akarere ariko kabafasha;
f) Ibikorwaremezo by'imihanda na Ruhurura bitubatse, aha Umuyobozi w'Akarere akaba yanagaragaje ikibazo cy'imihanda yubakishwa amabuye, aho byamaze kugaragara ko iyo mirimo itihuta bitewe n'uko kubona amabuye yubaka umuhanda bifata igihe kirekire;
g) Imiturire y'Akajagari;
h) Amazi aboneka gake mu bice bimwe na bimwe by'Akarere ka Kicukiro;

i) Ibijyanye n'ingurane bizakorwa mu byiciro kubera amikoro make, kugira ngo Akarere karebe ibishobora gukemuka mu buryo bwihuse.

Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama ko umutungo bwite uturuka ku misoro n'amahoro ukiri hasi kuva aho Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro gitangiriye gusoresha bityo amafaranga ateganyijwe mu Karere akaba yinjira gahoro gahoro. Yagaragaje kandi ko mu myaka itatu (3) ishize umutungo winjiye mu Karere ka Kicukiro wagiye ugabanuka kuko hari ibikorwa bimwe na bimwe byazanaga amafaranga byagabanutse. Yatanze ingero zitandukanye zateye iryo gabanuka, harimo ko inganda zabaga muri Park Industriel zimuriwe muri Free Trade Zone, ibirombe byahagaritswe, amasoko aba mu gitondo kare nko mu isoko rya Ziniya ntashobore gusoreshwa, n'ibindi). Hari kandi n'Amasoko yinjizaga amafaranga ubu akaba atagikora, aha twavuga isoko rya Kigarama n'irya Kicukiro.

**Umwanzuro 002/04/15-16**

1. Inama Njyanama yakiriye inyandiko ikubiyemo ishusho y'Akarere ka Kicukiro irayishima. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere ko mu nyandiko igaragaza ishusho y'Akarere hakongerwamo icyiciro cy'Abafite ubumuga kuko ntaho kigaragara. Abajyanama bunguranye ibitekerezo kuri iyo shusho y'Akarere n'ingamba zafatwa kugira ngo akarere karusheho gutera imbere;

2. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere gushyiraho ingamba zo kongera imisoro yinjira mu Karere, nko gushyiraho amatsinda y'abagomba gukurikirana abagomba gutanga imisoro itandukanye, n'ibikorwa bishya biri mu karere byakagombye kwinjiza amafaranga bikabarurwa;

3. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere gushyira ahagaragara urutonde rw'Abaturage batishyuye umusoro ku bukode bw'ubutaka bw'umwaka ushize, urwo rutonde rukagezwa kuri buri mudugudu, kugira ngo abo baturage bakangurirwe kwishyura kuko ikigereranyo cy'abishyuye iyo misoro kikiri hasi cyane (15%);

4. Inama Njyanama yagaragarije Umuyobozi w'Akarere ko Abagore bakiri bake mu nzego z'Imirimo z'Akarere ndetse no mu Nzego z'Ibanze bityo ihame ry'uburinganire rikaba rigomba gutekerezwaho;
5. Umuyobozi w'Akarere yasabwe gufatira ingamba abayobozi b'Inzego z'Ibanze bazagaragaraho kurebera cyangwa bakagira uruhare mu makosa akorwa mu nzego babereye abayobozi; cyane cyane mu iyubakwa ry'utujagari.

6. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere kwegera ibigo bifite impuguke zitandukanye nka Kaminuza n'ibindi bigo bikorera mu Karere ka Kicukiro, kugira ngo izo mpuguke zikangurirwe gufasha Akarere mu bikorwa bitandukanye by'iterambere, ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo;

7. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere n'Umuyobozi w'Inama Njyanama kujya batumira mu Nama Njyanama Abajyanama batorewe guhagararira Akarere mu Mujyi wa Kigali;

8. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere gutegura uburyo Abakozi b'Akarere n'Abajyanama b'Akarere ka Kicukiro bazahura kugira ngo bamenyane;

9. Umuyobozi w'Akarere yasabwe kohereza Abajyanama amabwiriza agenga amasoko acururizwamo mu Karere ka Kicukiro, nk'uko yemejwe na Njyanama icyuye igihe;

10. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere gufasha abaturage bifuza kubona ibyangombwa bya "Land Titles" kubibona mu buryo bwihuse, kuko ari bumwe mu buryo Akarere kazinjiza amafaranga;

11. Mu rwego rw'Ubuhinzi, Inama Njyanama yibukije Umuyobozi w'Akarere ko hagomba gutekerezwa uburyo bwo guteza imbere ibihingwa byoherezwa hanze (agro processing);

12. Mu rwego rw'isuku n'isukura, Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere gukurikirana ikibazo cy'isuku n'isukura no gufata ingamba, kuko Akarere ka Kicukiro kigeze kuba aka mbere none ubu kakaba gasigaye kaba akanyuma. Inama Njyanama yanasabye Umuyobozi w'Akarere gushyiraho gahunda yo gukorana inama na ba Rwiyemezamirimo bashinzwe gutwara imyanda iva mu ngo, kugira ngo bakangurirwe gushyiraho ingamba mu kuvangura imyanda, hakavangurwa ibitabora kugira ngo bivanywemo ibindi bikoresho bifite akamaro, ibibora nabyo bikazavanywamo ifumbire. Ibi kandi bizanasabwe Abayobozi b'Inzego z'ibanze kugira ngo babikangurire abaturage bayobora. Ntibikwiye kandi gushyira imyanda ku marembo y'ingo bategereje ko imodoka zitwara imyanda ziza kuyitwara. Inama Njyanama yemeje ko iyo myanda igomba kujya isohoka mu ngo ari uko imodoka zije kuyitwara, kuko bitera umwanda;

13. Mu rwego rw'Umutekano, Umuyobozi w'Akarere ndetse n'abandi Bajyanama basabwe gukurikirana niba hari umuntu ushinzwe umutekano (reserve force) ku rwego rw'umudugudu.

**Ingingo ya Gatatu: Imihigo y'Akarere 2015/2016 n'aho igeze ishyirwa mu bikorwa**

Inama Njyanama yagejejweho urutonde rw'imihigo y'Akarere n'aho igeze ishyirwa mu bikorwa. Hagaragajwe ko Akarere ka Kicukiro gafite imihigo 71 iri mu bice bitatu; ubukungu, imibereho myiza, imiyoborere myiza n'ubutabera. Imihigo 10 iracyari hasi ya 50%, indi mihigo 9 iri hagati ya 50% na 70%, indi isigaye ikaba iri hejuru ya 70%.

**Umwanzuro 003/04/15-16**

1. Inama Njyanama yishimiye uburyo imihigo yagezweho yashyizwe mu bikorwa ariko isaba by'umwihariko ko imihigo ikiri mu mutuku ndetse no mu muhondo, ni ukuvuga imihigo 10 ikiri hasi ya 50% ndetse n'imihigo 9 iri hagati ya 50% na 70% yakwihutishwa kuko igihe gisigaye ari gito. Inama Njyanama yunguranye ibitekerezo ku ngamba zafatwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyo mihigo itaragerwaho, yemeza ko buri Mujyanama agomba kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyo mihigo bafatanyije na Komite Nyobozi y'Akarere ka Kicukiro;

2. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere gushyira ingufu mu kumenyesha abaturage ibibakorerwa kugira ngo bagire n'uruhare rwo kubishyira mu bikorwa (awareness campaign);

3. Inama Njyanama yagarutse ku kibazo cy'abana bata ishuri, isaba Umuyobozi w'Akarere gukangurira Abayobozi b'Inzego z'Ibanze gukumira iki kibazo no gukora raporo igaragaza abana bavuye mu mashuri n'impamvu zabiteye, iyo raporo ikagezwa ku Karere kugira ngo hafatwe ingamba;

4. Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere ndetse n'Abajyanama bose gufata iya mbere mu gukangurira Abayobozi b'Imidugudu gutegura Umugoroba w'Ababyeyi, wo nkingi y'iterambere ry'umuryango, ndetse no gutanga raporo igaragaza ibyagezweho. Umwe mu Bajyanama yahawe inshingano yo kohereza abandi Bajyanama inyandiko ikubiyemo incamake y'uko Umugoroba w'Ababyeyi ukorwa ndetse n'icyo ugamije;

5. Inama Njyanama yibukije ko hagomba gushyirwa ingufu mu ishyirwa mu bikorwa ry' inama zatanzwe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, abafatanyabikorwa batandukanye bakibutswa gushyira mu bikorwa ibibareba biri muri iyo raporo;

6. Mu mishinga, Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere gutekereza uburyo hashyirwaho itsinda ry'impuguke ryajya rifasha abafite imishinga iciriritse kuyitegura neza ku buryo babona inguzanyo mu bigo by'Imari, no gukangurira abagore n'urubyiruko kwihangira imirimo kuko umubare w'abitabira imishinga iciriritse baturutse muri ibyo byiciro ukiri hasi.

**Ingingo ya Kane: Gushyiraho Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi**

Umuyobozi w'Inama Njyanama, ashingiye ku biteganywa n'Itegeko n°87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, mu ngingo yaryo ya 46, yamenyesheje Abajyanama ko Komisiyo zigize Inama Njyanama ari izi zikurikira:

a) Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
b) Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
c) Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje Abajyanama ko iyo ngingo ivuga ko buri Mujyanama agira Komisiyo akoreramo, buri Komisiyo ikaba igizwe nibura n'Abajyanama batanu (5). Umuyobozi w'Inama Njyanama yagaragaje kandi ko Inama Njyanama ishobora gushyiraho Komisiyo zidasanzwe ziga ikibazo cyihariye, zikarangiza manda yazo zitanze raporo.

Bityo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yasabye buri Mujyanama guhitamo Komisiyo azakoreramo, Abajyanama bahitamo Komisiyo mu buryo bukurikira:

| KOMISIYO Z'INAMA NJYANAMA | | | |
|---|---|---|---|
| | **Imiyoborere Myiza** | **Imari n'Iterambere ry'Ubukungu** | **Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage** |
| N° | **Amazina** | **Amazina** | **Amazina** |
| 1 | MUTAMBA Betty | KARANGWA Cassien | TUMUKUNDE Monica Léonard |
| 2 | SHEMA Kenneth | RUTIKANGA Alexandre | NIYITANGA Irené |
| 3 | Eng. NKUBANA A. Dismas | UWIMBABAZI Pelagie | MUREKATETE Alphonsine |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 4 | Dr NYIRAHABIMANA Jeanne | NDONKEYE Valens | UWIMANA Virginie |
| 5 | SALAFINA Flavia | MAGAJU Aimable | BAINGANA Emmanuel |
| 6 | MUKARUTESI Athanasie | MUKUNDE Angélique | UWIZEYE Odette |
| 7 | UWAMARIYA Annet | TWAGIRAYEZU Innocent | |

Nyuma y'iki gikorwa, Inama Njyanama yemeje Abajyanama muri za Komisiyo bagiyemo, icyo gikorwa kikaba cyemejwe n'Abajyanama bose bari mu cyumba cy'inama. Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje Abajyanama ko ingingo ya 50 (article 50) y'Itegeko ryavuzwe haruguru ivuga ko Abajyanama bagize buri Komisiyo bitoramo Umuyobozi n'Umwanditsi b'iyo Komisiyo. Yibukije kandi ko Abagize Biro y'Inama Njyanama n'abagize Komite Nyobozi batemerewe kuyobora Komisiyo. Bityo yasabye Abajyanama kujya muri za Komisiyo zabo kugira ngo bitorere Abayobozi aribo Perezida n'Umwanditsi ba buri Komisiyo.

Abayobozi muri buri Komisiyo batowe bakaba ari aba bakurikira:

1. Komisiyo y'Imiyoborere Myiza: **Perezida:** Mutamba Betty, **Umwanditsi:** SHEMA Kenneth;
2. Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu: **Perezida:** KARANGWA Cassien, **Umwanditsi:** RUTIKANGA Alexandre;
3. Komisiyo y' Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage: **Perezida:** TUMUKUNDE Monica Léonard, **Umwanditsi:** NIYITANGA Irené.

Inama Njyanama yemeje Abayobozi muri za Komisiyo uko ari eshatu (3), icyo gikorwa kikaba cyemejwe n'Abajyanama bose bari mu cyumba cy'inama.

Umuyobozi w'Inama Njyanama, ashingiye ku ngingo ya 52 y' itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 ivuga ku imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage igena ishyirwaho, imiterere n'imikorere bya Komite Ngenzuzi no ku mabwiriza ya Minisitiri n° 004/09/10/MIN yo kuwa 01/10/2009 ashyiraho Komite y'Ubugenzuzi mu Buyobozi Bwite bwa Leta, mu Butegetsi bw'Ibanze hamwe no mu Bigo bya Leta, yamenyesheje Abajyanama ko Inama Njyanama yitoranyamo Abajyanama bajya muri Komite Ngenzuzi.

Yibukije ko Umujyanama uri muri Komite Ngenzuzi agomba kuba nibura yujuje ibi bikurikira:

a) Kuba nta ruhare afite mu mirimo ya buri munsi y'ikigo iyo komite ikoreramo;
b) Kuba afite nibura impamyabumenyi ya Kaminuza mu ibaruramari, icungamutungo, cyangwa ubutegetsi bwa Leta;
c) Kuba afite uburambe nibura bw'imyaka itatu (3) mu icungamutungo.

Nyuma yo gusomerwa ibisabwa, Abajyanama babyifuza bagaragaje ubushake bwo kujya muri Komite Ngenzuzi, abo Bajyanama akaba ari aba bakurikira:

| N° | AMAZINA | ICYO YIZE | AHO AKORERA |
|---|---|---|---|
| 1 | NDONKEYE Valens | Accounting | OAG |
| 2 | UWIMANA Virginie | Business Administration / Finance | Self Employer |
| 3 | UWAMARIYA Annet | -Project Management<br>- Business Administration / Finance | Self Employer |
| 4 | MUKARUTESI Athanasie | Business Administration | YEGO RWANDA |
| 5 | UWIZEYE Odette | -Strategic Management | University of Rwanda, College |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | -Project Management<br>-Banking<br>- Economics | of Education |

Aba Bajyanama bakaba bemejwe n'Abajyanama bose bari mu cyumba cy'inama. Abajyanama bagize Komite Ngenzuzi bihereraye bitorera abayobozi aribo Perezida n'Umwanditsi ku buryo bukurikira: **Perezida:** NDONKEYE Valens; **Umwanditsi:** UWIMANA Virginie.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yifurije Abajyanama akazi keza muri za Komisiyo zabo na Komite Ngenzuzi, anabakangurira gusoma inshingano za Komisiyo barimo nk'uko zigaragara mu Itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo zaryo kuva ku ngingo ya 46 kugeza ku ngingo ya 51 no ku iteka rya Minisitiri n° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena Amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage guhera ku ngingo ya 32 kugeza ku ya 49.

Yasabye kandi Abajyanama bagize Komite Ngenzuzi gusoma Amabwiriza agenga Komite Ngenzuzi yavuzwe haruguru, mu ngingo yayo ya 6 kugeza ku ngingo ya 14.

Umuyobozi w'Akarere yibukije ko hari iyindi Komisiyo ndetse n'indi myanya isaba ko Inama Njyanama ihagararirwa. Abo ni:

- Abahagarariye Inama Njyanama muri Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo, hashingiwe ku Itegeko no. 28/2014 ryo kuwa 03/12/2004 ryerekeye imicungire y'imitungo itagira bene yo;
- Uhagarariye Inama Njyanama mu Nama y'Ubutegetsi y'Ibitaro by'Akarere bya Masaka, hashingiwe ku mabwiriza n° 20/28 ryo kuwa 24/08/2007 agena imiterere y'inzego z'ubuyobozi n'imiyoborere y'ibitaro n'ibigo nderabuzima;
- Uhagarariye Inama Njyanama mu Nama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere, hashingiwe ku mabwiriza ya Minisitiri n° 20/45 yo kuwa 02/11/2010 ashyiraho amategeko agenga farumasi y'Akarere.

**Umwanzuro 004/04/15-16**

1. Inama Njyanama yemeje Abajyanama mu ma Komisiyo bihitiyemo;
2. Inama Njyanama yemeje Abayobozi b'ama komisiyo batowe;
3. Inama Njyanama yemeje Abajyanama bagize Komite Ngenzuzi n'Abayobozi bayo;
4. Inama Njyanama yemeje ko Abajyanama bazahagararira Inama Njyanama muri Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo, mu Nama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere no mu Nama y'Ubutegetsi y'Ibitaro by'Akarere bya Masaka, bazatorwa mu nama itaha.

## Ingingo ya Gatanu: Ubutaka bwasabwe na Polisi y'Igihugu mu Kagari ka Busanza

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama ubusabe bwa Polisi y'Igihugu yifuza ko Akarere kayiha Ubutaka bwa hegitari 3 na metero magana atandatu (3.6Ha) buherereye mu Mudugudu wa Rudari,

Akagari ka Busanza, Umurenge wa Busanza, kugira ngo hazubakwe Ikigo kizajya gikoresherezwamo ibizamini bijyanye no gutwara ibinyabiziga ndetse no kuhakoreshereza.

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ko nyuma yo kubona ko ahantu Polisi isaba ubutaka hatuwe, hifashishijwe ibivugwa mu Itegeko n° 32/2015 ryo kuwa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngingo yaryo ya 9, iya 10 n'iya 11 igaragaza ibikurikizwa mu kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange. Kugira ngo hasesengurwe ubusabe bwa Polisi y'Igihugu, Komite ishinzwe kugenzura imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange yasuzumye ishingiro ry'uwo mushinga isanga ufite ishingiro. Bityo kubera ko ku rwego rw'Akarere icyemezo cyo kwimura abaturage ku mpamvu z'inyungu rusange gifatwa n'Inama Njyanama y'Akarere ishingiye ku nama ya Komite yavuzwe haruguru; hakenewe icyemezo cy'Inama Njyanama y'Akarere.

**Umwanzuro 005/04/15-16**

a) Inama Njyanama yasuzumye ubusabe bwa Polisi y'Igihugu isanga ari igikorwa cy'inyungu rusange gifitiye abaturage akamaro, bityo ubusabe bwabo bukaba bufite ishingiro;

b) Inama Njyanama isanze ubutaka Polisi y'Igihugu yahisemo bwo kubakamo ikigo gikoresherezwamo ibizamini byo gutwara ibinyabiziga hari abaturage bashobora kuzangirizwa imitungo cyangwa bagasabwa kwimuka;

c) Inama Njyanama yemeje ko kugira ngo umushinga w'iyubakwa ry'ikigo kizajya gikoresherezwamo ibizamini byo gutwara ibinyabiziga ushobore gushyirwa mu bikorwa, abaturage bakwimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange, abazimurwa cyangwa bakangirizwa imitungo ku mpamvu z'uyu mushinga bakazahabwa ingurane ikwiye kandi mu gihe gikwiye nk'uko biteganywa n'amategeko.

## Ingingo ya gatandatu: Gusuzuma igena gaciro yakorewe Gare ya Nyanza (GATENGA)

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ko Inama Njyanama icyuye igihe yari yemeje ko ikibanza cy'Akarere cyubatsemo Gare, kiri mu Kagari ka Nyanza, Umurenge wa Gatenga kigurishwa binyuze mu buryo buteganywa n'amategeko, hagakorerwa imishinga ihabereye hagendewe ku biteganywa n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali. Nyuma y'uwo mwanzuro 051/01/15-16 wafatiwe mu Nama Njyanama yo kuwa 22 Mutarama 2016, Akarere kashatse Umugenagaciro kugira ngo agaragaze agaciro k'icyo kibanza n'ibikirimo. Nyuma y'icyo gikorwa, isoko ryo kugurisha icyo kibanza ritaratangwa, Akarere kagenzuye ibikorwa biteganywa n'igishushano mbonera cy'Umujyi wa Kigali, bigaragara ko icyo kibanza giherereye ahantu hazaca umuhanda (Protected zone: road reserve), bityo igikorwa cyo kuhagurisha kiba gihagaze. Hagati aho, Ikigo cya Royal Express yari yarahagize gare y'amamodoka yayo, ikishyura Akarere miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda ntikihakodesha.

**Umwanzuro 006/04/15-16**

Nyuma yo kubona ko Igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali (Master Plan) giteganya ko aho icyo kibanza cyubatsemo Gare hazanyuzwa umuhanda, Inama Njyanama yemeje ko igikorwa cyo kugurisha icyo kibanza cyubatsemo Gare n'ibindi bikorwa birimo kiba gisubitswe kugeza igihe Akarere kaboneye amakuru ahagije ajyanye n'ibikorwa bishobora gukorerwa muri icyo kibanza.

Cyakora mu gihe hatarafatwa umwanzuro nyawo, Komite Nyobozi ishobora kureba niba hari indi mirimo iciriritse idasaba kubaka yaba ihakorerwa.

## Ingingo ya 7: Ibibazo by'Abaturage

### A. Ikibazo cya Karekezi Gahigi Alfred na Ndindiyehe Evariste

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama ikibazo cya KAREKEZI GAHIGI Alfred na NDINDIYEHE Evariste bagonganira ku kibanza kimwe UPI:1/03/09/02/746. Yakomeje avuga ko iki kibazo cyaje mu Nama Njyanama icyuye igihe mu Nama Njyanama zateranye kuwa 11/12/2010, kuwa 27/11/2011 no kuwa 30/12/2015 aho byemejwe ko ikibanza gihabwa KAREKEZI GAHIGI Alfred, ariko amaperereza atandukanye yakozwe nyuma rimwe akagaragaza ko icyo kibanza ari icya KAREKEZI Gahigi Alfred ubundi akagaragaza ko icyo kibanza ari icya NDINDIYEHE Evariste wari waguze ubwo butaka na gakondo witwa NTIGIRUMUJINYA Mathieu. Habaye kandi n'urubanza RC0753/12/TGI/NYGE, aho NDINDIYEHE Evariste yarezemo Karekezi Gahigi Alfred ariko ntiyakurikirana urubanza kugeza igihe ruseswa hakaba uwareze ariwe watsinzwe.

**Umwanzuro 007/04/15-16**

Inama Njyanama imaze kumva ikibazo cya KAREKEZI GAHIGI Alfred na NDINDIYEHE Evariste bagonganira ku kibanza kimwe UPI:1/03/09/02/746, yemeje ko Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagikurikirana mu buryo bwimbitse kandi bwihuse kigafatirwa umwanzuro.

### B. Ikibazo cya Sosiyete AFAMEL

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama ikibazo cya Sosiyete AFAMEL. Yasobanuye ko AFAMEL ari ishyirahamwe ry'Abayisiramukazi baguze ikibanza cya miliyoni 6 z'amafaranga y'u Rwanda, mu gihe cyo kubaka Stade ya Jeux Olympiques barabimura nk'abandi baturage ku nyungu rusange bimuwe na MINISPOC, babaha ingurane ya miriyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda. AFAMEL imaze kubibona yajuririye Inama Njyanama igaragaza ko itanyuzwe n'ingurane yahawe, kugira ngo bakemurirwe ikibazo hashingiwe ku biteganywa m'amategeko yo kwimura abaturage ku mpamvu z'inyungu rusange. Inama Njyanama yemeje ko Akarere gaha AFAMEL ingurane y' ubutaka, ariko nyuma Akarere gasanga katagomba gutandukanya abimuwe, kuko hari abandi bari bafite ibibazo nk'ibya AFAMEL, bityo bamwe bahawe ingurane y'ubutaka abandi bakabona amafaranga, byaba bibogamye.



Nkd

**Umwanzuro 008/04/15-16**

Inama Njyanama imaze kugezwaho ikibazo cya AFAMEL, yemeje ko Akarere kandikira AFAMEL kakabibutsa ko hari amafaranga yabo y'ingurane batarafata, bityo AFAMEL izabonereho kwandika igaragaza igenagaciro y'ubutaka bwayo, Akarere kazayohereze muri MINISPOC kuko ariyo yatanze ingurane kugira ngo AFAMEL ikemurirwe ikibazo hakurikijwe amategeko.

**Ingingo ya munani: Ibintu n'Ibindi:**

**A. Kureba ibigenerwa Abajyanama**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama urutonde rw'ibihabwa Abajyanama ku rwego rw'Akarere ku buryo bukurikira:

1. Abagize Inama Njyanama ku rwego rw'Akarere bahabwa insimburamubyizi ku buryo bukurikira iyo bateranye mu nama y'Inama Njyanama:

a) Umuyobozi w'Inama Njyanama ahabwa amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000frw);
b) Umuyobozi wungirije n'Umunyamabanga b'Inama Njyanama bahabwa amafaranga ibihumbi cumi na bitanu (15,000 frw);
c) Abandi Bajyanama bagenerwa buri wese ibihumbi icumi (10,000 frw).

2. Iyo bateranye mu nama ya Biro, inama ya Komisiyo n'inama y'abaperezida bahabwa buuri wese witabiriye inama insimburamubyizi ingana n'ibihumbi icumi (10 000rwf).

3. Abagize Inama Njyanama ku rwego rw'Akarere iyo bateranye mu nama bahabwa amafaranga y'urugendo angana n'ibihumbi icumi (10 000 Rwf).

4. Nk'uko amabwiriza ya Minisitiri n° 01/070/15 yo kuwa 24/04/2015 agena ibindi bigenerwa abagize Inama Njyanama abigaragaza, Abajyanama ku rwego rw'Akarere bagenerwa buri kwezi amafaranga y'itumanaho agenwe ku buryo bukurikira:

a) Umuyobozi w'Inama Njyanama ahabwa amakarita ahwanye n'amafaranga ibihumbi makumyabiri (20,000frw);
b) Umuyobozi wungirije n'Umunyamabanga b'Inama Njyanama bahabwa amakarita ahwanye n' amafaranga ibihumbi cumi na bitanu (15,000 frw);
c) Abandi Bajyanama bahabwa buri wese amakarita ahwanye n'amafaranga ibihumbi icumi (10,000 frw).

Buri Mujyanama yishyurirwa kandi ifatabuguzi rya "Internet" buri kwezi. Inama Njyanama niyo igena ingano y'ifatabuguzi ishingiye ku giciro cya internet kiri ku isoko.

**Umwanzuro 009/04/15-16**

1. Inama Njyanama yemeje ko hubahirizwa ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri ku bijyanye n'ibibagenerwa igihe bitabiriye inama;
2. Inama Njyanama yemeje ko amakarita y'itumanaho azajya agurwa mu kigo cy'itumanaho cya MTN;
3. Inama Njyanama yemeje ko amakarita angana n'ifatabuguzi rya "Internet" azajya agurwa mu kigo cy'itumanaho cya AIRTEL kuko byagaragaye ko "internet" yayo ariyo yihuta;
4. Ibijyanye no guha buri Mujyanama "Laptop", Inama Njyanama yamenyeshejwe ko Inama Njyanama icyuye igihe yari yahawe "Laptops" ariko buri Mujyanama akishyura 35% by'igiciro cyayo. Bityo, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kuzareba uburyo Abajyanama bakoroherezwa kubona "Laptops" ariko nabo bakagira igice cy'ikiguzi batanga kugira ngo biborohereze gutunganya inshingano zabo neza, dore ko bahawe internet itagira laptop ntacyo byaba bimaze.

**B. Urugendo Komite Nyobozi irimo gukorera mu Mirenge y'Akarere ka Kicukiro**

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Abajyanama ko Ubuyobozi bw'Akarere buri muri gahunda yo gusura Imirenge igize aka Karere, mu rwego rwo gukusanya ibitekerezo bishobora kujya mu mihigo y'uyu mwaka, no gukangurira Abaturage gahunda za Leta harimo isuku, kwirindira umutekano, gutanga imisoro, kwitabira imishinga itandukanye, n'ibindi. Abayobozi b'Akarere bamaze gusura Imirenge itatu ariyo GAHANGA, GIKONDO na GATENGA, iyo gahunda yo gusura Imirenge itangira buri gihe i saa cyenda z'amanywa ku munsi wagenywe. Inama Njyanama yagejejweho gahunda iteganyijwe yo gusura indi Mirenge isigaye ku buryo bukurikira:

| UMURENGE | ITARIKI | ISAHA |
|---|---|---|
| Kagarama-Kanserege | 26/04/2016 | Saa cyenda |
| Kanombe-Karama | 27/04/2016 | Saa cyenda |
| Kigarama-Rwampara | 28/04/2016 | Saa cyenda |
| Kicukiro-Kagina | 29/04/2016 | Saa cyenda |
| Masaka-Ayabaraya | 3/5/2016 | Saa cyenda |
| Niboye-Gatare | 4/5/2016 | Saa cyenda |
| Nyarugunga | 5/5/2016 | Saa cyenda |

**Umwanzuro 010/04/15-16**

a) Inama Njyanama yashimye igitekerezo cyiza Abayobozi b'Akarere bagize cyo kwegera Abaturage
b) Inama Njyanama yemeje ko Abajyanama bakwitabira iyi gahunda cyane cyane aho bitoreje.
c) Inama Njyanama yasabye kandi Komite Nyobozi guteganya umunsi Abajyanama bose basura Akarere ka Kicukiro.

## C. Itorero rishojwe ry'Abakozi b'Akarere

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Abajyanama ko abakozi b'Akarere 10 bavuye mu itorero mu Bugesera, iryo torero rikaba ritegura itorero ry'Abajyanama b'Imirenge, Utugari n'Imidugudu.

Umuyobozi w'Akarere yakomeje avuga ko mu gusoza iryo torero habaye inama y'Abayobozi b'Uturere na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, bemeza ko uturere tuzabona tudafite Ingengo y'Imari ihagije tuzakoresha amahugurwa y'iminsi 2 hanyuma gahunda yimbitse y'itorero ikazashyirwa mu Ngengo y'Imari y'umwaka utaha wa 2016/2017.

Ni muri urwo rwego Akarere ka Kicukiro kazakoresha ayo mahugurwa ku matariki ya 14-15 Gicurasi 2016 na 22-23 Gicurasi 2016 ayo mahugurwa akazabera mu Bigo by'Amashuri kandi bagatozwa bataha. Mu biganiro bizatangwa hazaba harimo ikiganiro ku nshingano, indangagaciro, n'uruhare rw'umudugudu mu kubungabunga umutekano. Inama Njyanama yamenyeshejwe ko Abajyanama b'Akarere bazagira uruhare mu guhugura. Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama bazagira uruhare mu buhuzabikorwa bw'amahugurwa.

**Umwanzuro 011/04/2016**

Inama Njyanama yakiriye gahunda y'amahugurwa irayishima yiyemeza kuzagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ryayo.

## D. Raporo y'Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere

**Umwanzuro 012/04/15-16**

Nyuma yo gusuzuma imyanzuro yafatiwe mu Nama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere yateranye ku itariki ya 29 Werurwe 2016, Inama Njyanama yemeje ko imyanzuro yafatiwe muri iyo nama ishyirwa mu bikorwa.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yashoje inama ashimira abayitabiriye.

| | |
|---|---|
| **UWIZEYE Odette** 05/07/2016 | **Eng. NKUBANA A. Dismas** 05/07/2016 |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Umuyobozi w'Inama Njyanama |